

**AMATEGEKO AGENGA IFUNGWA RY'ABANTU BATEGEREJE KUBURANISHWA
N'URWEGO RWASHYIRIWEHO GUKORA IMIRIMO Y'INSIGARIRA Y'INKIKO
MPANABYAHA MU RW'IREMEZO CYANGWA MU BUJURIRE, CYANGWA BAFUNZE
KU ITEGEKO RY'URWO RWEGO**

IRIBURIRO

Aya Mategeko agenga ifungwa agamije kugena imicungire y'Amagereza afungiyemo abantu bategereje kuburanishwa, mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, n'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga, cyangwa bafunze ku itegeko ry'urwo Rwego. Agamije kandi no gukomeza kubahiriza no kurengera uburenganzira bwabo mu gihe bafunze.

Aya Mategeko agenga ifungwa yubakiye ku Mategeko yagengaga ifungwa ry'abantu babaga bategereje kuburanishwa n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire cyangwa bafunze ku itegeko ry'urwo Rukiko, yemejwe ku itariki ya 5 Kamena 1998. Yubakiye kandi no ku Mategeko yagengaga ifungwa ry'abantu babaga bategereje kuburanishwa n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahozze ari Yugosilaviya, mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, cyangwa bafunze ku itegeko ry'urwo Rukiko, nk'uko yahinduwe bwa nyuma ku itariki ya 24 Ugushyingo 2016. Yubakira kandi ku mikorere y'izo Nkiko zombi mu gucunga ifungwa ry'abantu babaga bafunze ku itegeko ryazo.

Aya Mategeko agenga ifungwa agendera ku mahame y'ingenzi yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu n'iyubahirizwa ry'agaciro ka muntu. Ashingiye kandi ku mategeko mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu, ku mahame yemewe ku rwego mpuzamahanga no ku bipimo ngenderwaho bigena uburyo abantu bambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana bagomba gufatwa, nk'uko ateganywa mu nyandiko z'amategeko nk'Amategeko yitiriwe Mandela, icyegeranyo cy'amahame yerekeranye no kurengera abantu bose bafunze mu buryo ubwo ari bwo bwose, bwaba ubw'ateganyo cyangwa abarimo kurangiza igihano cy'igifungo, hamwe n'Amahame y'ibanze yerekeranye n'uburyo abafungwa bafatwa.

By'umwihariko, aya Mategeko agenga ifungwa agamije kugena, muri rusange, uburenganzira n'inshingano by'abantu bafunze, mu byiciro byose kuva bakimara kwakirwa muri Gereza ya IRMCT kugera igihe bafunguriwe, no gushyiraho ibintu bigomba gukurikizwa mu gucunga Amagereza ya IRMCT.

INGINGO RUSANGE

Igihe aya Mategeko atangira kubahirizwa

Ingingo ya 1

Aya Mategeko, nyuma yo kwemezwa na Perezida ku itariki ya 5 Ugushyingo 2018, azatangira gukurikizwa ku itariki ya 5 Ukuboza 2018.

Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 2

1. Muri aya Mategeko agenga ifungwa, amagambo cyangwa udutsiko tw'amagambo bikurikira bisobanura ibi bikurikira:

Amahame y'ibanze yerekeranye n'uko abafungwa bafatwa

Amahame y'ibanze yerekeranye n'uko abafungwa bafatwa, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu Cyemezo cya 45/111 cyo ku itariki ya 14 Ukuboza 1990.

Icyegeranyo cy'Amahame yerekeranye no kurengera abantu bose bafunze mu buryo ubwo ari bwo bwose

Icyegeranyo cy'Amahame yerekeranye no kurengera abantu bose bafunze, mu buryo ubwo ari bwo bwose, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye, mu Cyemezo cya 47/173 cyo ku itariki ya 9 Ukuboza 1988.

Urugereko

Urugereko rwa IRMCT cyangwa Umucamanza umwe rukumbi, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 12 ya Sitati.

Komanda

Umukozi w'Umuryango w'Abibumbye washyizweho nk'umuntu ukuriye abakozi bashinzwe gucunga buri Gereza ya IRMCT, cyangwa undi muntu wese uwo mukozi yabihereye ububasha cyangwa amabwiriza.

Umukozi washyizweho

Umukozi w'Umuryango w'Abibumbye Perezida, Porokireri cyangwa Gerefiye wa IRMCT yahaye ububasha bwo gusohozza inshingano runaka.

Umufungwa	Umuntu wese ufungiyeye muri Gereza ya IRMCT, utegereje kuburanishwa na IRMCT, mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, cyangwa undi muntu wese ufunze ku itegeko rya IRMCT.
Gereza ya IRMCT	Igice cya Gereza icumbikiye iya IRMCT kigenewe kwakira abafungwa ba IRMCT.
Gusaka ku mubiri w'umuntu wose	Gusaka ku mubiri w'usakwa bamukuyemo imyambaro cyangwa bayigizayo.
Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT	Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT, washyizweho n'abayobozi b'Igihugu gicumbikiye IRMCT.
Amasezerano yerekeranye n'icyicaro	Amasezerano Umuryango w'Abibumbye wagiranye na Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya, yerekeranye n'Icyicaro cy'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, ku itariki ya 26 Ugushyingo 2013, cyangwa Amasezerano Umuryango w'Abibumbye wagiranye n'u Buholandi, yerekeranye n'Icyicaro cy'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, ku itariki ya 1 Nzeri 2016.
Gereza icumbikiye iya IRMCT	Ikigo cya gereza kiri Arusha cyangwa i Lahe, kigengwa n'abayobozi b'Igihugu gicumbikiye IRMCT, kirimo igice abafungwa ba IRMCT bafungirwamo.
Igihugu gicumbikiye IRMCT	Repubulika Yunzwe Ubumwe ya Tanzaniya cyangwa u Buholandi.
Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga	Urwego rwashyizweho na Perezida kugira ngo rujye rukora igenzura ryigenga muri Gereza ya IRMCT.
Umucamanza	Umucamanza wa IRMCT watowe cyangwa washyizweho

hashingiwe ku Ngingo ya 10 ya Sitati.

Avoka

Umuntu wese: (a) washyizweho cyangwa wagenwe kugira ngo yunganire cyangwa agire inama umufungwa, mu rubanza mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire, muri IRMCT; (b) washyizweho cyangwa wagenwe kugira ngo yunganire cyangwa agire inama umugororwa ufunzwe na IRMCT, mu miburanishirize ya nyuma y'uko ahamwe n'icyaha; cyangwa (c) washyizweho n'umufungwa kugira ngo amugire inama cyangwa amwunganire mu byerekeranye n'amategeko bidafite aho bihuriye n'urubanza rwe muri IRMCT.

Amategeko yitiriwe

Mandela

Amahame y'ibanze y'Umuryango w'Abibumbye yerekeranye n'uko abafungwa bagomba gufatwa, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu Cyemezo cya 70/175 cyo ku itariki ya 17 Ukuboza 2015.

IRMCT

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, mu cyemezo cya 1966 cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010.

**Muganga ukuriye serivise
y'ubuvuzi**

Umuganga ukuriye serivise y'ubuvuzi cyangwa umwungirije, ushinzwe gucunga ubuzima bw'abafungwa bo muri buri Gereza ya IRMCT.

Perezida

Perezida wa IRMCT washyizweho hashingiwe ku Ngingo ya 11 ya Sitati cyangwa undi Muyobozi wabiherewe ububasha.

Porokireri

Porokireri wa IRMCT washyizweho hashingiwe ku Ngingo ya 14 ya Sitati cyangwa undi Muyobozi wabiherewe ububasha.

Gerefiye

Gerefiye wa IRMCT washyizweho hashingiwe ku Ngingo ya 15 ya Sitati cyangwa undi Muyobozi wabiherewe ububasha.

Ibiro bya Gerefiye	Urwego rwa IRMCT rushinzwe imirimo y'ubutegetsi bwayo n'indi itera inkunga Amashami yayo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 15 ya Sitati.
Amabwiriza	Amabwiriza yashyizweho hashingiwe kuri aya Mategeko cyangwa akurikizwa, hahindutse ibigomba guhinduka, hashingiwe ku byavuzwe ku buryo bweruye na Perezida cyangwa Gerefiye.
Gusaka ku mubiri w'umuntu umukorakoraho	Gusaka ku mubiri w'umuntu atagombye kwiyambura ibyo yambaye.
Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso	Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itanga ry'Ibimenyetso yemejwe ku itariki ya 5 Nyakanga 1995, nk'uko yagiye ahindurwa.
Amategeko agenga ifungwa	Amategeko agenga ifungwa ry'abantu bategereje kuburanishwa na IRMCT mu rw'iremezo cyangwa mu bujirire cyangwa abandi bantu bafunze ku itegeko rya IRMCT.
Abakozi ba Gereza	Abakozi b'Umuryango w'Abibumbye cyangwa abo uwo Muryango watijwe kugira ngo bakore muri ayo Magereza yombi.
Sitati	Sitati ya IRMCT yometse ku Cyemezo cya 1966 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye cyo ku itariki ya 22 Ukuboza 2010, nk'uko yagiye ihindurwa.
Urukiko	Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rushinzwe gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Rwanda ibikorwa bya jenocide n'ibindi bikorwa binyuranyije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, n'Abanyarwanda bakekwaho kuba barabikoreye mu bihugu bituranye n'u Rwanda, hagati y'itariki ya 1 Mutarama 1994 n'iya 31 Ukuboza 1994, rwashyizweho n'Icyemezo cya 955 cy'Inama

Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye cyo ku itariki ya 8 Ugushyingo 1994, cyangwa Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rushinzwe gucira imanza abantu bakekwaho kuba barakoreye mu Cyahoze ari Yugoslaviya ibikorwa binyuranije bikomeye n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, kuva mu mwaka wa 1991, rwashyizweho n'Icyemezo cya 827 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye cyo ku itariki ya 25 Gicurasi 1993.

2. Ahantu hose havugwa "Amategeko", baba bashaka kuvuga aya Mategeko agenga ifungwa, keretse aho bisobanuwe ukundi.

Ihindurwa ry'aya Mategeko

Ingingo ya 3

Umushinga wo guhindura aya Mategeko ushobora gutangwa n'Umucamanza, Porokireri, Gerefiye cyangwa Ishyirahamwe ry'Abavoka bunganira abaregwa muri IRMCT, bemewe na Gerefiye. Iyo bibaye ngombwa, hashobora kubaho kungurana inama n'indi miryango kuri uwo mushinga. Umushinga wo guhindura aya Mategeko wemezwa na Perezida igihe abona ari ngombwa.

Inyandiko mvaho

Ingingo ya 4

Inyandiko z'aya Mategeko zanditse mu gifaransa no mu cyongereza zemerwa kimwe. Iyo hari aho zinyuranye, hakurikizwa inyandiko irusha indi gutanga ibisobanuro bihuye n'ibikubiye muri Sitati no mu Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso.

Gusobanukirwa n'aya Mategeko

Ingingo ya 5

Iyo habayeho ugushidikanya ku byerekeranye n'icyo ingingo runaka y'aya Mategeko isobanura

kandi ntihaboneke umwanzuro kuri icyo kibazo hifashishijwe Sitati cyangwa Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, icyo gihe igisobanuro cy'iyi ngingo cyemezwa hifashishijwe Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara, Amahame yemewe ku rwego mpuzamahanga n'ibipimo ngenderwaho mu kugena uburyo abantu bambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana bagomba gufatwa, nk'uko bivugwa mu nyandiko z'amategeko nk'Amategeko yitiriwe Mandela, icyegeranyo cy'amahame yerekeranye no kurinda abantu bafunze, mu buryo ubwo ari bwo bwose, by'agateganyo cyangwa barimo kurangiza igihano cy'igifungo, kimwe n'Amahame Remezo yerekeranye n'uburyo abafungwa bagomba gufatwa.

Ikurikizwa ry'aya Mategeko

Ingingo ya 6

1. Aya Mategeko agomba gukurikizwa hazirikanwa ibikubiye mu ngingo za Sitati bireba, iz'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso n'Amasezerano yerekeranye n'Icyicaro, zikoreshwa mu Ishami rya IRMCT bireba, kimwe n'andi masezerano yose Umuryango w'Abibumbye cyangwa IRMCT byagiranye n'Igihugu gicumbikiye IRMCT, yerekeranye n'uko abafungwa bagomba gufatwa.
2. Aho biri ngombwa, buri gihe aya Mategeko agomba gukurikizwa ku bafungwa mu gihe cyose bari mu maboko ya IRMCT kandi bakiri muri Gereza yayo, kabone n'iyi baba batayirimo by'igihe gito.

Uko abafungwa bamenya aya Mategeko

Ingingo ya 7

1. Aya Mategeko n'andi mabwiriza yose agenderwaho amenyeshwa buri mufungwa mu rurimi yumva no mu rw'Igihugu gicumbikiye IRMCT.
2. Aya mategeko n'andi mabwiriza agenderwaho amenyeshwa abakozi ba Gereza ya IRMCT mu ndimi IRMCT ikoresha no mu rw'Igihugu kiyicumbikiye.
3. Abafungwa bamenyeshwa, mu rurimi bumva, amategeko cyangwa amabwiriza yose y'Igihugu gicumbikiye IRMCT areba abafungwa, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 13(3)

y'aya Mategeko. Ayo mategeko cyangwa amabwiriza amenyeshwa kandi abakozi ba Gereza mu ndimi IRMCT ikoresha.

Amabwiriza

Ingingo ya 8

Nyuma yo kubijyaho inama na Perezida, Gerefiye ashobora gushyiraho amabwiriza agamije gutanga ibisobanuro cyangwa ibigenderwaho by'inyongera ku kintu cyose kivugwa muri aya Mategeko.

AMAHAME Y'IBANZE YEREKERANYE N'UKO ABAFUNGWA BAGOMBA GUFATWA

Ingingo ya 9

Abafungwa bose, uretse abamaze gukatirwa na IRMCT cyangwa n'Urukiko, bafatwa nk'abere.

Ingingo ya 10

1. Abafungwa bose bafatwa kimuntu kandi hubahirijwe agaciro ka muntu.
2. Nta mpamvu nimwe ishobora gutuma kuba urwitwazo rwo gukorera umufungwa uwo ariwe wese ibikorwa by'urugaraguro n'ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, cyangwa kumuhanishwa ibihano nk'ibyho. Abafungwa bose bagomba kurindwa ibyo bikorwa.

Ingingo ya 11

1. Nta mufungwa ugomba gukorerwa ivangura hashingiwe ku bwoko, ubwenegihugu, ibara ry'uruhu, igitsina, imyaka y'amavuko, ururimi, idini, ibitekerezo bya poritike cyangwa ibindi, igihugu cyangwa umuryango mugari akomokamo, igitsina umufungwa yiyumvamo cyangwa icyo agaragaza ko abarirwamo, amahitamo ye ku byerekeranya n'igitsina cy'abo akorana na bo imibonano mpuzabitsina, urwego arimo mu muryango mugari cyangwa amikoro, ubwoko bw'icyaha bivugwa ko umufungwa yakoze cyangwa icyo yakoze koko, ubuzima bwo mu mutwe cyangwa ubwo ku mubiri, ubumuga bwo ku mubiri, mu mutwe

cyangwa mu byumviro cyangwa ikindi kintu cyose kijyanye n'urwego umufungwa arimo cyangwa uko amerewe.

2. Kugira ngo iri hame ryo kutavangura rishobore kubahirizwa uko bikwiye, hashingirwa ku byo abafungwa bakeneye, by'umwihariko abafite ibibazo kurusha abandi. Ingamba zifashwe kandi zigashyirwa mu bikorwa hagamiywe gusa kurinda no kwimakaza uburenganzira bw'abafungwa bafite ibibazo bibagoye cyane kurusha abandi kandi bakeneye ubufasha bwihariye no gukora ku buryo abo bafungwa bagira uburenganzira bumwe n'ubw'abo mu bindi byiciro, ntizigomba gufatwa nk'ivangura.

Ingingo ya 12

Uburyo abantu bafunzemo n'iyubahirizwa ry'aya Mategeko ntibigomba kubongerera, bitari ngombwa, umubabaro ujyana no kuba barambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana no kuba baratandukanyijwe n'abandi bantu.

IMICUNGIRE YA GEREZA YA IRMCT

Ushinzwe abafungwa n'Amagereza ya IRMCT

Ingingo ya 13

1. IRMCT ni yo ibazwa muri rusange ibintu byose byerekeranye n'ifungwa rikozwe hashingiwe kuri aya Mategeko.
2. Komanda, ukuriwe na Gerefiye, ashinzwe ibintu byose bijyanye n'imicungire ya buri muni ya Gereza ya IRMCT, birimo ubuzima n'umutekano by'abantu bose bayifungiyemo. Ashobora kandi gufata ibyemezo byose bijyanye n'izo nshingano ze, uretse igihe aya Mategeko abiteganya ukundi. Komanda ashobora gutanga amabwiriza y'uburyo ikintu runaka kijyanye no gucunga Gereza ya IRMCT kigomba gukorwa.
3. Amategeko cyangwa amabwiriza yose ya Gereza icumbikiye iya IRMCT akurikizwa ku bafungwa aho biteganywa mu buryo busobanutse n'aya Mategeko cyangwa mu mabwiriza asanzwe akurikizwa cyangwa mu masezerano Umuryango w'Abibumbye cyangwa IRMCT byagiranye n'Igihugu gicumbikiye IRMCT.

Igenzura rikorwa n'abakozi ba Gereza n'irikorwa n'inzego zigenga

Ingingo ya 14

1. Perezida ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, gushyiraho Umucamanza, Gerefiye, umuntu wigena cyangwa urwego rwigenga, kugira ngo bakore igenzura muri Gereza ya IRMCT maze bamuhe raporo ku iyubahirizwa ry'aya Mategeko cyangwa ingingo yayo runaka, kugira ngo iyo Gereza icungwe mu buryo aya Mategeko ateganya kandi uburenganzira bw'abafungwa bwubahirizwe.
2. Perezida, abigiyeho inama na Gerefiye, asuzuma ayo maraporo n'inama ziyakubiyemo maze akabifataho ibyemezo bikwiye. Iyo bibaye ngombwa, Perezida anagisha inama abayobozi bireba b'Igihugu gicumbikiye IRMCT.

Ingingo ya 15

1. Perezida ashiraho Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga.
2. Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga rukora amagenzura mu gihe cyateganyijwe, rugakora n'andi atunguranye muri Gereza kugira ngo rusuzume uburyo abafungwa bafunzemo, harimo n'uko bafashwe, kugira ngo rurebe niba uburyo bafunzemo bwubahiriza amahame yemewe ku rwego mpuzamahanga n'ibipimo ngenderwaho ku birebana n'uburyo abantu bambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana bagomba gufatwa.
3. Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga rwemerewe guhabwa amakuru yerekeranye n'umubare w'abafungwa n'ahantu bafungiye, kimwe n'andi makuru yose arebana n'uko bafashwe n'uburyo bafunzemo. Mu gihe urwo Rwego rurimo gukora igenzura, runafite uburenganzira bwo kubaza ibibazo abafungwa n'abakozi ba Gereza mu ibanga kandi nta wumviriza icyo kiganiro.
4. Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga rukorera Perezida raporo ku magenzura rwakoze maze rukamugira inama zose rubona zikwiye ku bijyanye n'uburyo abafungwa bafunzemo n'uko bafashwe.
5. Perezida, abigiyeho inama na Gerefiye, asuzuma izo nama yagiriwe n'Urwego

rw'ubugenzuzi rwigenga maze agafata ingamba zo kuzishyira mu bikorwa, akurikije uko bikwiye. Perezida amenyesha, mu gihe gishyize mu gaciro, urwo Rwego rw'ubugenzuzi rwigenga, niba IRMCT yarashyize cyangwa izashyira mu bikorwa inama zarwo.

Abakozi ba Gereza ya IRMCT

Ingingo ya 16

Abakozi ba Gereza ya IRMCT batoranywa mu bushishozi kubera ko imicungire myiza y'iyo Gereza ishingiyeye ku bunyangamugayo, ubumuntu n'ubunyamwuga byabo, kimwe no ku kuba ari abantu bakwiriye gukora ako kazi.

Ingingo ya 17

1. Abakozi ba Gereza ya IRMCT bose bagomba kuba barize amashuri ahagije.
2. Mbere yo gutangira imirimo yabo, abakozi ba Gereza ya IRMCT babanza guhabwa amahugurwa ajyanye n'inshingano zabo za rusange n'izihariye. Muri ayo mahugurwa harimo ayerekeranye n'uko isaka rikorwa, gukoresha imbaraga n'ibikoresho byo kuziga umufungwa. Muri ayo mahugurwa, bigishwa kandi ko kizira gukorera umufungwa ibikorwa by'urugaraguro n'ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, cyangwa kumuhanisha ibihano nk'ibyo.
3. Iyo abakozi ba Gereza ya IRMCT bamaze gutangira imirimo yabo, bakomeza guhabwa amahugurwa kugira ngo bagumane kandi bongere ubumenyi n'ubushobozi byabo mu kazi.

Ingingo ya 18

1. Mu mirimo yabo, abakozi ba Gereza ya IRMCT bagomba buri gihe kurangwa no kuba inyangamugayo n'abanyamwuga b'intangarugero kandi bagaharanira ko izo ndangaciro zombi zishinga imizi.
2. Abakozi ba Gereza ya IRMCT ntibagomba gutuma inyungu zabo bwite, inyungu zerekeranye n'amafaranga cyangwa izindi nyungu zabo bwite, zibangikana n'umwanya bafite mu kazi. Abakozi bose ba Gereza ya IRMCT bafite inshingano yo gukora ku buryo birinda ko habaho

inyungu zitabangikanywa, no kugisha inama Ubuyobozi bw'iyi Gereza igihe cyose habayeho gushidikanya.

3. Abakozi ba Gereza ya IRMCT birinda buri gihe kugirana umubano n'abafungwa uretse gusa uwo mu rwego rw'akazi kandi nta na rimwe bagomba kugirana na bo umubano utaboneye, harimo umubano ushingiyeye ku kubakoresha mu nyungu zabo bwite, nk'izishingiye ku gitsina. Ntibagomba kandi kugira ibikorwa by'ubucuruzi bakorana n'abafungwa, kwinjiza cyangwa gusohora ibintu bitemewe muri Gereza.

Uburyo abafungwa bakirwa muri Gereza

Ingingo ya 19

Nta muntu ushobora gufungirwa muri Gereza ya IRMCT nta rwandiko rwo kumufata rwatanzwe cyangwa itegeko ryo kumufunga ryatanzwe n'Umucamanza wa IRMCT cyangwa n'Urugereko rwayo.

Ingingo ya 20

Iyo umufungwa ageze mu Gihugu gicumbikiye IRMCT, urwego rwamufashe rushyikiriza Gerefiye, ku buryo butaziguye, ibintu bye bwite byose, hamwe n'irisite y'ibintu bye bwite byose yari afite ubwo yafatwaga. Gerefiye ashyikiriza Komanda ibyo bintu bwite by'uwo mufungwa, vuba bishoboka.

Ingingo ya 21

1. Iyo umufungwa ageze muri Gereza ya IRMCT, Komanda ategeka ko bamusaka ku mubiri no mu myenda kugira ngo barebe ko adafite ibintu bishobora kubangamira umutekano n'umudendeko muri Gereza ya IRMCT cyangwa muri Gereza icumbikiye iya IRMCT, cyangwa ibyangamira ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo Gereza. Umufungwa yamburwa ikintu cyose nk'icyo iyo kibonetse.
2. Ibyo bikorwa by'isaka bikorwa hubahirijwe amahame avugwa mu Ngingo ya 55(1) y'aya Mategeko.

Ingingo ya 22

1. Komanda abarura kandi akandika amafaranga, ibintu by'agaciro n'ibindi bintu umufungwa afite atemerewe gutungira muri Gereza ya IRMCT hashingiwe kuri aya Mategeko. Uwo mufungwa ashyira umukono kuri risite y'ibyo bintu byabaruwe.
2. Komanda ashyingura ibyo bintu ahantu hizewe cyangwa, iyo umufungwa abisabye, bikoherezwa kuri aderesi atanze kandi amafaranga yo kubyohereza akarihwa n'uwo mufungwa. Iyo ibyo bintu bibitswe muri Gereza ya IRMCT, abakozi bayo bafata ingamba zose zishyize mu gaciro zo kubibika neza.
3. Iyo bibaye ngombwa ko hagira ikintu gisenywa, uwo mufungwa agomba kubimenyeshwa mbere kandi bikandikwa ko icyo kintu gisenywe.
4. Ikintu cy'umufungwa gishobora kohererezwa undi muntu cyangwa urwego runaka ari uko gusa uwo mufungwa abyemeye mu nyandiko cyangwa hubahirizwa itegeko ry'Umucamanza cyangwa iry'Urugereko rwa IRMCT. Iyo umufungwa apfuye, ibintu bye bishobora kohererezwa umuntu cyangwa abantu aba yaragennye mbere hashingiwe ku Ngingo ya 32(b) y'aya Mategeko.

Ingingo ya 23

Iyo umufungwa yakiriwe muri Gereza ya IRMCT, Komanda afata ifoto n'ibimenyetso byo ku mitwe y'intoki ze n'andi makuru yose ya ngombwa kugira ngo umutekano n'umudendezo by'iyi Gereza bibungwabungwe.

Ingingo ya 24

Iyo umufungwa wese amaze kwakirwa muri Gereza ya IRMCT, Komanda amubaza ibibazo bigenewe umufungwa wakiriwe kandi agakora ku buryo ibintu byose avuze bikwiye kwitabwaho, nk'ibintu byihariye akeneye cyangwa ibibazo byihariye afite, byandikwa kandi bigashakirwa ibisubizo uko bikwiye.

Ingingo ya 25

Ku munsu buri mufungwa yakiriweho muri Gereza, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi aramusuzuma kugira ngo amenye ibirebana n'ubuzima bwe bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe. Muganga areba kandi niba hari ikintu cyerekana ko yafashwe nabi cyangwa ikimenyetso cy'uko ibyo bintu byabayeho kugira ngo hafatwe ingamba za ngombwa zo kumuvura no gutandukanya abafungwa bakekwaho kuba barwaye indwara zandura cyangwa z'ibyorezo.

Ingingo ya 26

Buri mufungwa, akimara kwakirwa muri Gereza ya IRMCT, afite uburenganzira bwo kumenyesha amakuru y'ifungwa rye umuryango we cyangwa undi muntu wese wagenwe kujya ahabwa amakuru yerekeranye n'ifungwa rye kandi agomba guhabwa ubushobozi n'uburyo byo gutanga ayo makuru, IRMCT ikishyura amafaranga atangwa kuri icyo gikorwa.

Kumenyesha abafungwa uburenganzira bwabo n'amakuru

Ingingo ya 27

1. Iyo umufungwa amaze kwakirwa muri Gereza, Komanda amumenyesha, vuba bishoboka, amakuru yerekeranye n'uburenganzira afite bwo kunganirwa n'avoka, abakozi b'ambasade cyangwa abahagarariye inyungu z'igihugu bireba.
2. Icyo gihe, Komanda aha uwo mufungwa uburyo bwo kumenyesha ahantu afungiyeye avoka yihitiyemo, abakozi b'ambasade cyangwa abahagarariye inyungu z'igihugu bireba kandi IRMCT ikishyura amafaranga atangwa kuri icyo gikorwa.

Ingingo ya 28

1. Uretse inyandiko y'aya Mategeko n'iyandi Mabwiriza yose zigomba guhabwa buri mufungwa hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo ya 7(1) y'aya Mategeko, buri mufungwa, akimara kwakirwa muri Gereza ya IRMCT, amenyeshwa mu magambo no mu nyandiko, mu rurimi yumva, amakuru yerekeye:

- (a) uburenganzira bwe, harimo n'uburyo bwemewe bwo gushaka amakuru, kubona abamugira inama mu by'amategeko, harimo no kwifashisha serivise zitanga

ubufasha mu by'amategeko, kimwe n'uburyo abafungwa bamenyekanisha ubusabe bwabo cyangwa ibibazo bafite;

- (b) inshingano ze, harimo no kubahiriza amategeko ya disipurine akurikizwa muri Gereza n'ibihano byo mu rwego rwa disipurine bitangwa; na
- (c) amakuru rusange ya ngombwa afasha umufungwa kumenyera ubuzima bwo muri Gereza.

2. Iyo umufungwa atazi gusoma no kwandika, amenyeshwa ayo makuru mu magambo, mu rurimi yumva. Abafungwa bafite ubumuga mu myanya y'ibyumviro bahabwa ayo makuru mu buryo buboneye hakurikijwe ibyo bakeneye.
3. Kopi y'ayo makuru ishyirwa mu duce twa Gereza abantu bose bemerewe kugeramo.

Ingingo ya 29

Iyo umuntu ugira icyo apfana n'umufungwa cya hafi cyangwa uwo bafite icyo bahuriyeho gikomeye apfuye cyangwa arwaye bikomeye, Komanda ahita abimenyesha uwo mufungwa.

Ingingo ya 30

Iyo, muri Gereza, umufungwa atavuga kandi atumva ururimi na rumwe mu zo IRMCT ikoresha kandi akaba nta n'ururimi na rumwe avuga cyangwa yumva mu zikoreshwa n'abakozi ba Gereza, hafatwa ingamba za ngombwa kugira ngo hajye haboneka umusemuzi wo kumufasha igihe hari ubutumwa yifuzza kugeza kuri abo bakozi cyangwa hari ubwo bifuzza kumugezaho mu bwisanzure ariko ubusabe bwe akabutanga mbere mu gihe gishyize mu gaciro.

Uburyo bwa eregitoronike bukoreshwa mu gucunga amadosiye y'abafungwa

Ingingo ya 31

1. Muri buri Gereza ya IRMCT hashyirwaho uburyo bwa eregitoronike bukoreshwa mu gucunga amadosiye y'abafungwa. Iyi Ngingo ariko ntireba amakuru yerekeranye n'ubuvuzi kuko yo agengwa n'Ingingo ya 53 n'iya 54 z'aya Mategeko.
2. Mu gushaka, kubika no gukoresha amakuru bwite yerekeranye n'umufungwa, Ibiro bya Gereziye, harimo na Komanda n'abakozi ba Gereza, byubahiriza Amahame y'Umuryango

w'Abibumbye yerekeranye no kurinda amakuru kandi, by'umwihariko, hakashakwa gusa amakuru akenewe kugira ngo hakorwe ibintu byemewe n'amategeko, bikwiye kandi byihariye.

3. Amakuru yose yerekeranye n'umufungwa abitse mu buryo bwa eregitoronike bukoreshwa mu gucunga amadosiye y'abafungwa, afatwa nk'ibanga kandi agashyirwa mu rwego rw'umutekano rw'ibanga cyangwa urw'ibanga rikomeye cyane. Amahame y'Umuryango w'Abibumbye ku byerekeranye no kugena urwego rw'umutekano w'amakuru, kuyacunga no kuyageraho, agomba kubahirizwa. Hashyirwaho uburyo bwo kubungabunga umutekano w'ayo makuru no kwirinda ko hagira uyageraho atabifitiye uburenganzira.
4. Amakuru yerekeranye n'umufungwa agerwaho gusa na Komada n'abandi bantu bemejwe na Gerefiye cyangwa na Komanda, bayakeneye kugira ngo bashobore gukora imirimo yabo. Iyo umufungwa amaze kwakirwa muri Gereza ya IRMCT, ahita amenyeshwa icyo kintu. Umufungwa afite uburenganzira bwo kureba amakuru abitse muri dosiye ye, haseguriwe ibijyanye n'umutekano n'umudendezo muri Gereza n'inyungu z'ubutabera.

Ingingo ya 32

Iyo umufungwa amaze kwakirwa muri Gereza ya IRMCT cyangwa, vuba bishoboka, nyuma yo kwakirwa, Komanda ashira amakuru akurikira mu bubiko bwa eregitoronike bukoreshwa mu gucunga amadosiye y'abafungwa:

- (a) amakuru asobanutse atuma umwirondoro wihariye w'uwo mufungwa umenyekana, hubahirijwe uko yiyumva ku bijyanye no kuba ari igitsina gabo cyangwa gore;
- (b) uburyo bw'itumanaho bukoreshwa na mwenewabo wa hafi w'umufungwa cyangwa ubw'undi muntu wahamagarwa ku buryo bwihutirwa mu gihe uwo mufungwa arwaye akaremba, akomeretse bikomeye cyangwa apfuye;
- (c) amazina y'abantu bo mu muryango w'uwo mufungwa, harimo, aho bishoboka, ay'abana be, imyaka y'amavuko yabo, aho babarizwa n'ubarera cyangwa uwishingiye kubarera;
- (d) itariki, isaha n'ahantu yafatiwe;
- (e) itariki hatanzweho inyandiko y'ibirego, urwandiko rwo kumufata cyangwa itegeko

ryo kumufunga;

- (f) itariki n'isaha yakiriwe muri Gereza;
- (g) izina ry'avoka we, niba azwi;
- (h) ibikomere bigaragara afite n'ibibazo abyukije by'uko yafashwe nabi mbere; na
- (i) irisite y'ibintu bye bwite byafashwe hashingiwe ku Ngingo ya 22 y'aya Mategeko.

Ingingo ya 33

Mu gihe umufungwa afunze, amakuru akurikira ashirwa mu bubiko bwa eregitoronike bukoreshwa mu gucunga amadosiye y'abafungwa, aho bishoboka:

- (a) amakuru yerekeranye n'imigendekere y'urubanza, arimo n'arebana n'avoka we n'amatariki y'amaburanisha;
- (b) amaroporo y'isuzuma;
- (c) amakuru yerekeranye n'imyitwarire, disipurine n'ibihano byo mu rwego rwa disipurine yahawe;
- (d) ibyo asaba n'ibibazo yashyikirije, birimo no kuba avuga ko yakorewe ibikorwa by'urugaraguro cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro, cyangwa ibyo avuga ko yahanishijwe ibihano nk'ibyo;
- (e) amakuru yerekeranye n'uburyo yakomeretse n'impamvu yatumye akomereka cyangwa apfa, yaba yapfuye hakandikwa aho umurambo we ugomba kujyanwa; na
- (f) itariki, isaha ku bihe atari muri Gereza n'impamvu atari ahari, hakavugwa niba ari ukujya kuburana muri IRMCT, kwivuza cyangwa izindi mpamvu yaherewe uruhushya cyangwa niba afunguwe burundu cyangwa yimuriwe mu kindi kigo.

Icumbi

Ingingo ya 34

Buri mufungwa ahabwa icyumba yihariye, uretse gusa iyo hari impamvu zidasanzwe kandi byemejwe na Gerefiye.

Ingingo ya 35

Buri mufungwa ahabwa igitanda yihariye n'ibiryamirwa bikwiye, bifatwa neza kandi bihindurwa kenshi ku buryo bihorana isuku.

Ingingo ya 36

Gereza yubahiriza, igihe cyose, ibisabwa byose birebana n'ubuzima bwiza n'isuku, hitawe ku miterere y'ikirere, ingano icyumba kidashobora kujya hasi, urumuri, ubususuruke n'umwuka bihagije.

Ingingo ya 37

Ibice byose bya Gereza ya IRMCT bifatwa neza kandi bikagirirwa isuku buri gihe. By'umwihariko, buri gihe buri mufungwa agomba kugira isuku mu cyumba cye, akirinda guteramo akajagari kandi agahabwa uburyo bukenewe kugira ngo abikore.

Isuku ku mubiri

Ingingo ya 38

Abafungwa bahabwa ibyangombwa bikenewe bisukuye kandi byubahiriza imibereho yabo bwite. Bahabwa kandi ibikoresho byose bya ngombwa kugira ngo bashobore kwisukura ku mubiri no guhora bakeye.

Imyambaro

Ingingo ya 39

1. Abafungwa bashobora kwambara imyenda yabo bwite ya gisivire, iyo Komanda abona ifite isuku kandi iboneye.
2. Abafungwa badafite amikoro ahagije bahabwa imyenda ya gisivire iboneye kandi ihagije, igurwa na IRMCT.

Ingingo ya 40

Imyenda yose igomba guhorana isuku no gufatwa neza. Imyenda y'imbere igomba guhindurwa kandi ikameswa igihe cyose bikenewe kugira ngo ihorane isuku.

Ibiribwa n'amazi yo kunywa

Ingingo ya 41

Ku masaha asanzwe yo gufungura, buri mufungwa ahabwa ifunguro riteguye kandi rigabuye neza. Rigomba kandi kuba rigizwe n'indyo nziza kandi ihagije yujuje ibisabwa n'amabwiriza agezweho yerekeranye n'imbonezimirire n'indyo isukuye. Iryo funguro rigenwa kandi hitawe ku myaka y'amavuko, amagara n'idini by'umufungwa kandi, aho bishoboka, hakubahirizwa ibisabwa n'umuco karande w'iwabo.

Ingingo ya 42

Buri gihe abafungwa bagomba kuba bafite amazi yo kunywa asukuye.

Imyitozo ngororamubiri, siporo n'imyidagaduro

Ingingo ya 43

1. Iyo ikirere kimeze neza, buri mufungwa yemerewe gusohoka mu cyumba cye nibura isaha imwe ku muni maze agakora imyitozo ngororamubiri.
2. Iyo bishoboka, ubuyobozi bwa Gereza ya IRMCT bwumvikana n'Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT, bakareba ukuntu abafungwa bajya bakoresha ahantu hagenewe gukorerwa siporo n'imikino haherereye mu gace ka Gereza bafungiyemo cyangwa hanze yako ariko mu kigo cya Gereza icumbikiye iya IRMCT.

Ingingo ya 44

1. Komanda ashiraho gahunda inoze y'imyitozo ngororamubiri, siporo n'indi myidagaduro kugira ngo abafungwa bashobore kugira ubuzima bwiza bw'umubiri kandi, babone uburyo bwo gukora imyitozo no kwidagadura.

2. Komanda agisha inama Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi kugira ngo iyo gahunda ibe ijyanye n'imyaka y'amavuko n'ubuzima bw'umubiri bya buri mufungwa.
3. Iyo umufungwa adashobora gukurikira iyo gahunda isanzwe kubera ikibazo cy'ubuzima, hafatwa ingamba zihariye, zigenzurwa na muganga, kugira ngo uwo mufungwa ashobore kwitabwaho cyangwa kuvurwa.

Inama za Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ku buryo abafungwa bagomba gufatwa

Ingingo ya 45

Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi agira Komanda inama ku byerekeye:

- (a) ingano, ubuziranenge, itegurwa n'itangwa ry'ibiribwa n'amazi;
- (b) isuku ya Gereza ya IRMCT n'iy'abafungwa;
- (c) imisarane, ubushyuhe, urumuri n'umwuka biri muri Gereza ya IRMCT;
- (d) kumenya niba imyenda n'ibiryamirwa by'abafungwa biboneye kandi bifite isuku;
- (e) iyubahirizwa ry'aya Mategoko ku bijyanye n'imyitoto ngororamubiri, siporo n'ibindi bikorwa byo kwidagadura mu gihe nta bakozi bashinzwe ibyo bikorwa bahari.

Ubuvuzi

Ingingo ya 46

1. Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ni we ushinzwe kwita ku buzima bw'umubiri n'ubwo mu mutwe bw'abafungwa.
2. Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi cyangwa undi mukozi yagennye ni bo bonyine bashobora gufata ibyemezo byose byerekeranye n'ubuvuzi. Abandi bantu badafite aho bahuriye n'imirimo y'ubuvuzi ntibashobora gufata ibyemezo byerekeranye n'ubuvuzi cyangwa gushyira mu bikorwa ingamba zerekeranye n'ubuvuzi, keretse gusa igihe barimo gukurikiza inama bagiriwe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi cyangwa umukozi yagennye.
3. Komanda yubahiriza uko bikwiye inama yose itanzwe na Muganga ukuriye serivise

y'ubuvuzi ku byerekeranye n'ubuzima bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe bw'umufungwa. Iyo Komanda adashyize mu bikorwa inama yatanzwe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi, akorera raporo Gerefiye hanyuma na we agakorera raporo Perezida.

Ingingo ya 47

1. Abafungwa babona serivise z'ubuvuzi nibura ziri ku rwego rumwe n'izihabwa abaturage bo mu gace bafungiyemo.
2. Abafungwa bavurwa, ku buntu kandi bidatinze, hakurikijwe ibyategetswe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi, harimo n'ubuvuzi bwita ku buzima bwo mu mutwe, amenyo, ubutangwa n'abaganga b'inzobere kimwe no kwitabwaho ku buryo bwihutirwa.
3. Abafungwa bavurirwa muri Gereza ya IRMCT cyangwa muri Gereza icumbikiye iya IRMCT. Cyakora, iyo nta n'imwe muri izo gereza zombi ishobora kuvura umufungwa nk'uko byategetswe na Muganga ukuriye serivise z'ubuvuzi, uwo mufungwa yoherezwa kwivuriza hanze ya gereza.

Ingingo ya 48

1. Buri mufungwa yemerewe kwivuza no gusurwa na muganga cyangwa muganga w'amenyo yihitiyemo ariko akabihembera.
2. Kwivuza cyangwa gusurwa na muganga bikorwa haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 51 n'iya 71(2) z'aya Mategeko.
3. Iyo umuganga cyangwa umuganga w'amenyo uje kureba umufungwa yifuza gutanga inama ku byerekeranye n'imiti cyangwa uburyo umufungwa agomba kuvurwa, azimenyeshya Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi. Uwo Muganga na we asuzuma izo nama hanyuma akemeza niba zigomba gukurikizwa.

Ingingo ya 49

1. Haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 51(c) n'iya 53(3) z'aya Mategeko, iyo Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi abona ko indwara umufungwa arwaye cyangwa uburyo uwo mufungwa agomba kuvurwa bishobora gukenera ko hagira igihinduka mu micungire isanzwe

ya Gereza, abimenyesha Komanda. Ni ngombwa kwita, ku buryo bw'umwihariko, ku bijyanye no kuvura indwara zikomeye, izo mu mutwe, abantu bagaragayeho ko bashobora kwiyahura, kwibabaza cyangwa kubabaza abandi bantu.

2. Haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 51 (c) n'ya 53(3) z'aya Mategeko, iyo Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi abona ko ubuzima bwo ku mubiri cyangwa bwo mu mutwe bw'umufungwa runaka bwabangamiwe cyangwa buzabangamirwa no gukomeza gufungwa cyangwa ikintu runaka cyihariye kiranga uburyo afunzemo, icyo gihe abimenyesha Komanda. Komanda ahita akorera raporo Gerefiye maze Gerefiye yamara kubijyaho inama na Perezida, agafata ingamba zose zikwiye kuri icyo kibazo. Iyo ibyo bibazo byo ku mubiri cyangwa mu mutwe byakomotse ku ngaruka z'itegeko ryatanzwe hashingiwe ku Ngingo ya 61(3) y'aya Mategeko, Gerefiye ageza icyo kibazo ku Mucamanza cyangwa Urugereko bireba.
3. Mu gihe cyo gusuzuma umufungwa wakiriwe muri Gereza cyangwa mu gihe cyo kumuvura igihe icyo ari cyo cyose nyuma yaho, iyo Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi abonye ibimenyetso ibyo ari byo byose ko uwo mufungwa yakorewe ibikorwa by'urugaraguro cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro cyangwa ko yahanishijwe ibihano nk'ibyo, arabyandika kandi agakorera raporo Komanda. Komanda ahita ashyikiriza iyo raporo Gerefiye maze na we, yamara kubijyaho inama na Perezida, agafata ingamba zose zikwiye.

Ingingo ya 50

1. Iyo hari umufungwa urembye, ukomeretse cyane cyangwa wapfuye, Komanda ahita abimenyesha Gerefiye. Gerefiye na we ahita abimenyesha umuntu cyangwa abantu uwo mufungwa yagennye hashingiwe ku Ngingo ya 32(b) y'aya Mategeko.
2. Iyo hari umufungwa wapfuye, Igihugu gicumbikiye IRMCT gishobora gukora iperereza hashingiwe ku bisabwa n'amategeko yacyo.
3. Perezida ashobora gutegeka kandi ko IRMCT ikora iperereza ku buryo uwo mufungwa yapfuye cyangwa yakomeretse cyane.

Ingingo ya 51

Imikoranire hagati ya Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi na/cyangwa abandi bakozi bo mu buvuzi n'abafungwa, igengwa n'amahame agenga imyitwarire myiza ndetse n'agenga imyitwarire mu kazi amwe n'agenga imikoranire hagati y'abaganga n'abarwayi mu gace IRMCT irimo. By'umwihariko, buri gihe Muganga ukuriye serivise y'ubuzima n'abandi bakozi bo mu buvuzi bagomba kubahiriza ibi bikurikira:

- (a) inshingano yo kurinda ubuzima bwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe no gukumira no kuvura indwara hashingiwe gusa ku bimenyetso nyabyo umurwayi agaragaza;
- (b) uburenganzira busesuye abafungwa bafite mu gufata ibyemezo birebana n'ubuzima bwabo no kuba mbere y'uko bavurwa bagomba kubanza gusobanurirwa ibigiye gukorwa kugira ngo babyemere babisobanukiwe;
- (c) amakuru arebana n'ubuvuzi agomba kugirwa ibanga;
- (d) kirazira gukorera abafungwa, mu buryo bweruye cyangwa buteruye, ibikorwa by'urugaraguro cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro cyangwa kubahanisha ibihano nk'ibyo; na
- (e) inshingano yo kwirinda kugira ikintu bakorana n'umufungwa uretse gusa ikigamije gusuzuma, kurinda cyangwa kubungabunga ubuzima bwe bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe.

Ingingo ya 52

1. Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi n'abandi bakozi bo mu buvuzi ntibagomba kugira uruhare mu itangwa ry'ibihano byo mu rwego rwa disipuline cyangwa mu ifatwa ry'izindi ngamba zivutsa umufungwa ikintu runaka, zidashingiye ku mpamvu z'ubuvuzi. Cyakora, bagomba kwita, by'umwihariko, ku buzima bw'abafungwa batandukanyijwe n'abandi, ku mpamvu izo ari zo zose, batabishaka, nk'abashyizwe mu byumba batabonana n'abandi cyangwa abatandukanyijwe n'abandi mu bundi buryo. Mu byo bagomba gukora harimo nko kubasura buri muni cyangwa incuro zirenze imwe ku muni igihe babona ko ari ngombwa, kubaha ubufasha bwihutirwa mu by'ubuvuzi no kubavura byihutirwa igihe babisabye.
2. Iyo ibihano byo mu rwego rwa disipuline umufungwa yahawe cyangwa izindi ngamba

zafashwe zimuvutsa ikintu runaka bigize ingaruka ku buzima bwe bwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi n'abakozi bo mu buvuzi bagomba guhita bihutira kubimenyesha Komanda bidatinze. Bamenyesha kandi Komanda niba babona ko, kubera impamvu z'ubuzima bwo ku mubiri cyangwa ubwo mu mutwe bw'uwo mufungwa, ari ngombwa kuvanaho cyangwa guhindura icyo gihano cyangwa izo ngamba.

3. Iyo umufungwa atandukanyijwe n'abandi atabishaka, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi n'abakozi bo mu buvuzi bafite ububasha bwo gusuzuma ibyo bintu no gutanga inama y'uko hagira ibihinduka. Ibyo babikora kugira ngo uko gutandukanywa n'abandi bitamuviramo kurushaho kuremba cyangwa bigatuma ikibazo afite ku mubiri cyangwa mu mutwe kizamba.

Ingingo ya 53

1. Muganga ukuriye serivise y'ubuzima ategura kandi akabika, neza kandi mu mutekano, dosiye yo kwa muganga ya buri mufungwa. Iyo dosiye iba ikubiyemo amakuru nyakuri, ahuje n'igihe kandi ari ibanga.
2. Iyo umufungwa yimuriwe mu kindi kigo, amakopi ya dosiye yo kwa muganga ye ahita yohererezwa serivise y'ubuvuzi y'icyo kigo kimwakiriye.
3. Dosiye yo kwa muganga n'amakuru ayikubiyemo bigomba gucungwa hubahirizwa ihame ko amakuru yerekeranye n'ubuvuzi ari ibanga. By'umwihariko, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ashobora kumenyesha ayo makuru abandi bantu batari abo mu ikipe ivura umufungwa, iyo gusa:
 - (a) uwo mufungwa abisobanuriwe maze akabyemera abisobanukiwe neza; cyangwa
 - (b) Muganga ukuriye serivise y'ubuzima abona ko bigaragara ko, bidatinze, ubuzima bw'umufungwa cyangwa ubw'abandi bantu bushobora kujya mu kaga kandi ko icyo kibazo cyakemuka gusa ari uko amenyekanishije ayo makuru. Icyo gihe, hamenyekanishwa gusa amakuru atuma ako kaga kirindwa kandi umufungwa amenyeshwa ko ayo makuru yamenyekanishijwe.

Ingingo ya 54

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo kwerekwa amakuru ari muri dosiye ye yo kwa

muganga iyo abisabye, uretse igihe hari impamvu idasanzwe ituma Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi abona ko:

- (a) hari impamvu yumvikana ituma yumva ko kumenyesha umufungwa amakuru runaka bishobora kumutera ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe; cyangwa
 - (b) hari amakuru ari muri iyo dosiye yerekeranye n'undi muntu kandi uwo muntu akaba atemeye ko amakuru amwerekeye amenyekanishwa.
2. Igihe cyose Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi afashe icyemezo cyo kwangira umufungwa kwerekwa amakuru runaka yihariye ari muri dosiye ye yo kwa muganga cyangwa ko hari amwe muri yo atagomba kwerekwa, uwo mufungwa arabimenyeshwa kandi akerekwa andi makuru asigaye.
 3. Igihe cyose Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi yangiye umufungwa kwerekwa amakuru yose cyangwa amwe muri yo akubiye muri dosiye ye yo kwa muganga, abyandika muri iyo dosiye kandi agasobanura n'impamvu itumye amwangira.
 4. Umufungwa ashobora guha undi muntu uburenganzira bwo kumurebera amakuru ari muri dosiye ye yo kwa muganga.

Gusaka no kugenzura

Ingingo ya 55

1. Ibikorwa byose byo gusaka no kugenzura bikorwa mu buryo bwubahiriza amahame yo kutarengera, kutanyuranya n'amategeko no gukora ibikenewe gusa. Ibyo bikorwa ntibigomba gukoreshwa mu gushyira umufungwa ku nkeke, kumutera ubwoba cyangwa kwivanga mu buzima bwe bwite bitari ngombwa. Ntibigomba gukoza isoni abafungwa kandi igihe cyose agaciro kabo kagomba kubahirizwa.
2. Komanda ashobora, igihe cyose, gusaka umufungwa ku mubiri amukabakaba kuva hejuru kugera hasi.
3. Iyo umufungwa yinjiye muri Gereza ya IRMCT cyangwa iyo Komanda afite impamvu

zituma akeka ko umufungwa afite ikintu kibangamiye umutekano cyangwa umudendezo muri gereza ya IRMCT cyangwa muri Gereza icumbikiye iya IRMCT, cyangwa kibangamiye ubuzima n'umutekano by'undi muntu wese uri muri iyo gereza, ashobora gufata icyemezo cyo gutegeka ko uwo mufungwa asakwa ku mubiri wose.

4. Gusaka umufungwa ku mubiri wose bikorwa gusa iyo bikenewe cyane kandi bikorerwa ahantu hiherereye, bigakorwa n'umukozi bahuje igitsina.
5. Nta bikorwa byo gusaka umufungwa mu mubiri bigomba gukorwa.
6. Ikintu cyose kibangamiye umutekano n'umudendezo bya Gereza ya IRMCT cyangwa Gereza icumbikiye iya IRMCT cyangwa ikibangamiye ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza, gifatirwa hashingiwe ku Ngingo ya 85 y'aya Mategeko.
7. Komanda agomba kwandika uko bikwiye kandi akabika amakuru yerekeranye n'ibikorwa byo gusaka ku mubiri wose byabaye, harimo impamvu zatumye bikorwa, umwirondoro w'abantu babikoze n'icyo byagezeho. Iyo hagize ikintu gifatwa, Komanda agomba kukibika nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 22 y'aya Mategeko, mu gihe hagitegerejwe ubujurire bwose bushobora gutangwa n'umufungwa kandi akamenyesha umufungwa, mu nyandiko, ko ari we ukibitse. Gerefiye yohererezwa kopi y'ayo baruwa imenyeshya umufungwa ayo makuru.

Ingingo ya 56

1. Komanda ashobora gutegeka ko icyumba cy'umufungwa gisakwa iyo afite impamvu ituma akeka ko muri icyo cyumba harimo ikintu kibangamiye umutekano cyangwa umudendezo wa Gereza ya IRMCT cyangwa Gereza icumbikiye iya IRMCT, cyangwa ikibangamiye ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza;
2. Kugira ngo umutekano n'umudendezo bya Gereza ya IRMCT bishimangirwe kandi ubuzima n'umutekano by'abantu bose bari muri iyo gereza birindwe, Komanda ashobora gutegeka ko habaho ibikorwa by'isaka bitunguranye, ibyo ariko bigakorwa incuro zitarenze ebyiri mu kwezi kuri buri gace ka gereza. Ibyo bikorwa by'isaka ntibigomba kugira umufungwa runaka byibasira.
3. Mu gihe cyo gusaka ibyumba, abafungwa bemerewe kuba bahari.

4. Ikintu cyose kibangamiye umutekano cyangwa umudendezo bya Gereza ya IRMCT cyangwa Gereza icumbikiye iya IRMCT, cyangwa ikibangamiye ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza, gifatirwa hashingiwe ku Ngingo ya 85 y'aya Mategeko.
5. Komanda yandika impamvu itumye isaka rikorwa, umwirondoro w'abantu barikoze n'icyo ryagezeho. Iyo hagize ikintu gifatwa, Komanda akibika hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo ya 22 y'aya Mategeko, mu gihe hagitegerejwe ubujurire bwose bushobora gutangwa n'umufungwa kandi akamenyesha uwo mufungwa, mu nyandiko, ko ari we ukubitse. Gerefiye yoherezwa kopi y'iyi baruwa imenyesha umufungwa ayo makuru.

Ingingo ya 57

1. Gerefiye ashobora gutegeka ko icyumba cy'umufungwa kimara iminsi itarenze 30 kigenzurwa hakoreshejwe uburyo bwa videwo, hagamijwe kwirinda ko ubuzima n'umutekano by'uwo mufungwa bihungabana.
2. Iryo tegeko rishobora kongererwa igihe kitarenga iminsi 30.
3. Mbere y'uko icyo cyemezo cya Gerefiye gitangira gushyirwa mu bikorwa, uwo mufungwa arabimenyeshwa kandi akaba ashobora, igihe cyose, gusaba Perezida gusuzuma icyo cyemezo cya Gerefiye, nk'uko Ingingo ya 94(1)(b) y'aya Mategeko ibiteganywa.

Disipurine

Ingingo ya 58

1. Mu kwirinda ko hakorwa amakosa yo mu rwego rwa disipurine cyangwa mu gukumira amakimbirane, ubuyobozi bwa Gereza ya IRMCT bukoresha, uko bishoboka kose, uburyo bwo gukumira amakimbirane, abunzi cyangwa ubundi buryo bwose bwo gukemura amakimbirane.
2. Abakozi ba Gereza ya IRMCT bubahiriza disipurine n'umudendezo kandi bakirinda kuvutsa abafungwa ibintu birenze ibikenewe mu kubungabunga umutekano n'umudendezo bya Gereza no kubungabunga ubuzima n'umutekano by'abantu bose bari muri iyo gereza.

Ingingo ya 59

1. Nyuma yo kubijyaho inama na Perezida na Komanda, Gerefiye yemeza amabwiriza:
 - (a) agena imyifatire ifatwa nk'ikosa ryo mu rwego rwa disipurine;
 - (b) agena ubwoko bw'igihano gishobora gutangwa;
 - (c) agena urwego rufite ububasha bwo gutanga icyo gihano;
 - (d) agenera umufungwa uburenganzira bwo kwisobanura ku makosa yose aregwa; kandi
 - (e) agenera umufungwa uburenganzira bwo kujuririra Perezida yinubira ikosa yahamijwe n'igihano yahawe.
2. Umufungwa wakoze ikosa ryo mu rwego rwa disipurine ntashobora na rimwe guhanishwa ibikorwa by'urugaraguro cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro. By'umwihariko, ibikorwa bikurikira birabujijwe:
 - (a) gushyira umufungwa mu cyumba kitabona cyangwa kirimo urumuri ruhoraho;
 - (b) ibihano bibabaza umubiri;
 - (c) kugabanyiriza umufungwa ifunguro cyangwa amazi yo kunywa; cyangwa
 - (d) guhanisha abafungwa ibihano bya rusange.
3. Gutandukanya umufungwa n'abandi, kumushyira ahantu atabonana n'abandi bantu cyangwa kumushyiraho ibikoresho bimuziga, ntibikoresha nk'igihano ku makosa yo mu rwego rwa disipurine.
4. Mu bihano bitangwa mu rwego rwa disipurine, ntihagomba kubamo kubuza umufungwa kugezanyaho ubutumwa n'abantu bo mu muryango we.

Gutandukanya umufungwa n'abandi

Ingingo ya 60

Muri aya Mategeko, “gutandukanya umufungwa n'abandi” bisobanura gutandukanya umufungwa na bamwe cyangwa na bose mu bo bafunganye. Gutandukanya umufungwa n'abandi hashingiwe ku Ngingo ya 61 y'aya Mategeko ntibisobanura kumufungira ahantu adashobora kubonana na bo, nk'uko biteganywa mu Ngingo ya 63 y'aya Mategeko.

Ingingo ya 61

1. Komanda ashobora gutegeka ko umufungwa atandukanywa na bamwe cyangwa na bese mu bo bafunganye:
 - (a) kugira ngo habungabungwe umutekano cyangwa umudendezo muri Gereza cyangwa uw'umuntu wese uyirimo;
 - (b) kubera impamvu zerekeranye n'ubuvuzi, zimwe muri zo zikaba ari nko kurwanya indwara zandura cyangwa iz'ibyorezo, bisabwe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi; cyangwa
 - (c) bisabwe n'umufungwa ubwe.
2. Iyo umufungwa asabye gutandukanywa n'abandi, Komanda amenyesha ubwo busabe bwe Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi maze na we akamenyesha uwo mufungwa ingaruka uko kumutandukanya n'abandi bishobora kugira ku buzima bwe bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe.
3. Mu rwego rwo kurengera inyungu z'ubutabera, Umucamanza cyangwa Urugereko bashobora gutegeka ko umufungwa atandukanywa na bamwe cyangwa na bese mu bo bafunganye. Itegeko nk'iryo ntirishobora gutangwa mbere y'uko uwo Mucamanza cyangwa Urugereko bumva icyo Gerefiye abitekerezaho.

Ingingo ya 62

1. Komanda ageza kuri Gerefiye raporo ku bafungwa bese batandukanyijwe n'abandi.
2. Igihe cyose hatanzwe itegeko ryo gutandukanya umufungwa n'abandi, Komanda abimenyesha Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzima vuba bishoboka kugira ngo Muganga yuzuze inshingano ze ziteganywa n'Ingingo ya 49 n'iya 52 z'aya Mategeko.
3. Igihe cyose hatanzwe itegeko ryo gutandukanya umufungwa n'abandi, hakorwa ibishoboka byose kugira ngo hagabanywe ubukana bw'ingaruka icyo gikorwa gishobora kugira kuri uwo mufungwa. Ibyo ni nko kongera uburyo, bufitiye akamaro umufungwa, bwo kubonana n'abandi bantu no gukora ku buryo ashobora kugera ahantu hagenewe kwidagadurira no kubona ibintu akora bimufitiye akamaro.

4. Komanda yandika ibintu byose byerekeranye n'igikorwa cyo gutandukanya umufungwa n'abandi byabaye kandi agasuzuma, nibura rimwe mu cyumweru, abafungwa bose batandukanyijwe n'abandi hashingiwe ku Ngingo ya 61(1) y'aya Mategeko, hagamijwe gukora ku buryo hubahirizwa ibisabwa icyo umufungwa atandukanyijwe n'abandi.
5. Uretse gusa igihe itegeko ryo gutandukanya umufungwa n'abandi ryatanzwe hashingiwe ku Ngingo ya 61(3) y'aya Mategeko, umufungwa ashobora kujuririra Perezida, mu buryo butaziguye, yinubira icyemezo gitegeka kumutandukanya n'abandi.
6. Iyo itegeko ryo gutandukanya umufungwa n'abandi ryatanzwe hashingiwe ku Ngingo ya 61(3) y'aya Mategeko, umufungwa ashobora kujuririra icyo cyemezo mu Rugereko rw'Ubujurire.

Gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi

Ingingo ya 63

Muri aya Mategeko, “gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi” bisobanura kumushyira mu cyumba atabonana n'abandi mu gihe cy'amasaha 22 cyangwa arenga ku muni, nta muntu babonana cyane. “Gufungira umufungwa ahantu atabona n'abandi igihe kirekire” bisobanura kumufungira mu cyumba atabonana n'abandi, mu gihe kirenze iminsi 15 ikurikiranye.

Ingingo ya 64

1. Gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi bikorwa gusa mu bihe bidasanze, bivugwa mu gika cya 2 cy'aya Mategeko, iyo ari bwo buryo bwonyine busigaye kandi bigomba kumara igihe gito gishoboka. Gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi igihe kirekire cyane cyangwa burundu birabujijwe .
2. Umufungwa ashobora gusa gufungirwa ahantu atabonana n'abandi iyo bitegetswe na Komanda kandi bikorwa ari uko uwo mufungwa ashobora, ako kanya kandi ku buryo bukomeye, gushyira mu kaga abandi bantu kandi hatari ubundi buryo bworoheje, nko kumutandukanya na bo, bwo kubuza ko yashyira abandi mu kaga.
3. Umufungwa ufite ubumuga ku mubiri cyangwa mu mutwe ntagomba gufungirwa aho

atabonana n'abandi, iyo, hakurikijwe inama yatanzwe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi, izo ngamba zafashwe zituma ubuzima bwe bumererwa nabi kurushaho.

Ingingo ya 65

1. Igihe cyose habayeho gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi, Komanda agomba guhita abimenyesha Gerefiye muri raporo maze Gerefiye na we akabimenyesha Perezida.
2. Igihe cyose hatanzwe itegeko ryo gufungira umufungwa ahantu atabonana n'abandi, Komanda abimenyesha Muganga ukuriye serivise y'ubuzima vuba bishoboka kugira ngo yuzuze inshingano ze ziteganywa n'Ingingo ya 49 n'ya 52 z'aya Mategeko.
3. Komanda yandika ibintu byose byabaye bireba umufungwa ufungiyeye ahantu atabonana n'abandi, buri masaha 24, asuzuma dosiye ya buri mufungwa ufungiyeye ahantu atabonana n'abandi, hagamijwe gukora ku buryo ibiteganywa n'Ingingo ya 64 y'aya Mategeko bikomeza kubahirizwa.
4. Umufungwa ashobora kujuririra, ku buryo butaziguye, Perezida, arwanya icyemezo cyo kumufungira ahantu atabonana n'abandi bantu.
5. Perezida ashobora, igihe cyose, gutegeka ko umufungwa washyizwe ahantu adashobora kubonana n'abandi agarurwa mu bandi.

Ingingo ya 66

Ingingo ya 66

1. Birabujijwe gukoresha ibikoresho biziga umufungwa mu gihe, ubusanzwe, bitesha umuntu agaciro cyangwa bibabaza.
2. Ibikoresho byo kuziga umufungwa, nk'amapingu, bigomba gukoreshwa ari uko gusa Komanda abona ko ari ngombwa kandi bikwiye, mu bihe bikurikira:
 - (a) kugira ngo umufungwa adatoroka igihe avanywe muri Gereza ya IRMCT ajyanywe ahantu hantu, harimo no muri Gereza icumbikiye iya IRMCT; cyangwa
 - (b) bitegetswe na Komanda, iyo nta bundi buryo bwo kumugenzura bushoboka,

hagamijwe kumubuza kuba yakwikomeretsa, yakomeretsa abandi cyangwa yakwangiza imitungo. Icyo gihe, Komanda ahita abimenyesha Muganga ukuriye serivise y'ubuzima akanamenyesha Gerefiye icyo kintu, Gerefiye na we akabimenyesha Perezida.

3. Iyo hatanzwe uburenganzira bwo gukoresha ibikoresho byo kuziga umufungwa, amahame akurikira agomba kubahirizwa:
 - (a) uburyo bwo kuziga umufungwa bukoreshwa bugomba kuba ari bwo buhari bworoheje kurusha ubundi bukenewe kandi, mu buryo bushyize mu gaciro, ari bwo buboneka kugira ngo uwo mufungwa ashobore kuzigwa, hashingiwe ku miterere y'ibibazo ashobora guteza n'urwego biriho; na
 - (b) ibikoresho byo kuziga umufungwa byifashishwa mu gihe kitarenze igikenewe kandi, iyo hatakiriho ibibazo byashoboraga guterwa n'uko uwo mufungwa adafite ikimuziga, ibyo bikoresho bihita bivanwaho.
4. Uretse igihe hari impamvu zidasanzwe, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi n'abandi bakozi bo mu buvuzi ntibagomba gusuzuma cyangwa kuvura umufungwa ashyizweho ibikoresho bimuziga ibyo ari byose.
5. Umufungwa wese wambitswe ibikoresho byo kumuziga agomba guhora agenzurwa mu buryo bukwiye kugira ngo hatagira ikintu kibi kimubaho kandi ibyo bikoresho bivanweho hashingiwe ku biteganywa n'igika cya 3(b) cy'iyi Ngingo.

Ingingo ya 67

1. Abakozi ba Gereza ntibagomba gukoresha ingufu ku mufungwa uretse gusa igihe barimo kwitabara, igihe agerageje gutoroka cyangwa igihe adashaka kubahiriza itegeko ryatanzwe hashingiwe kuri aya Mategeko cyangwa ku yandi mabwiriza kandi ibyo bikorwa ari uko gusa ubundi buryo bwose bwananiranye.
2. Umukozi wa Gereza ukoresheje ingufu ntagomba gukoresha izirengeje izikenewe kandi agomba guhita abimenyesha Komanda. Komanda yandika icyo gikorwa cyo gukoresha ingufu kandi agashyikiriza Gerefiye raporo kuri icyo kintu cyabaye maze Gerefiye na we akabimenyesha Perezida.

3. Umufungwa wakoreshwe ingufu afite uburenganzira bwo guhita asuzumwa na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi cyangwa undi mukozi wo mu buvuzi ubifitiye ubushobozi kandi akanahabwa ubuvuzi bwo akeneye.
4. Gerefiye akora iperereza ku kibazo cyose agejweho cyerekeranye n'ikoreshwa ry'ingufu. Gerefiye amenyesha Perezida, vuba bishoboka, ikibazo cyose cyabyukijwe cyerekeranye no kuba habayeho gukoresha ingufu, iperereza ryagikorwaho n'icyo ryatanze.

Imidugararo

Ingingo ya 68

1. Iyo Komanda abona hari ikintu cyabaye cyangwa cyenda kuba gishobora kubangamira umutekano n'umudendezo bya Gereza ya IRMCT, ashobora kuvugana n'Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT kugira ngo amusabe ko abayobozi b'Igihugu gicumbikiye iyo Gereza ya IRMCT bamufasha kubungabunga umutekano muri iyo gereza.
2. Komanda agomba guhita amenyesha Gerefiye ubusabe nk'ubwo vuba bishoboka maze Gerefiye na we akabimenyesha Perezida.

Isubikwa ry'iyubahirizwa ry'aya Mategeko

Ingingo ya 69

1. Iyo Komanda abona hari ikintu kiri cyangwa cyenda kuba muri Gereza ya IRMCT cyangwa icumbikiye iya IRMCT, gishobora kubangamira cyane kandi vuba ubuzima bw'abantu cyangwa umutekano wabo, ashobora kuba asubitse iyubahirizwa ry'aya Mategeko, iyo abona ko ari ngombwa kugira ngo icyo kibazo kibanze gikemuke.
2. Isubikwa ry'iyubahirizwa ry'aya Mategeko ntirishobora kurenza amasaha 48.
3. Iyo habayeho gusubika iyubahirizwa ry'aya Mategeko, Komanda agomba kugeza kuri Gerefiye, vuba bishoboka, raporo kuri iryo subikwa kandi agasobanura imiterere y'icyo kintu cyendega kuba kibangamiye cyane ubuzima bw'abantu cyangwa umutekano, impamvu ari ngombwa ko iyubahirizwa ry'aya Mategeko riba risubitswe kugira ngo icyo kibazo gishobore

gukemurwa hamwe n'ibisabwa kugira ngo aya Mategeko yongere yubahirizwe. Nyuma Gerefiye ashyikiriza Perezida iyo raporo.

4. Nyuma yo kubona iyo raporo, Perezida afata icyemezo kuri icyo kibazo, akurikije uko abona ibintu bikwiye kugenda muri icyo gihe.
5. Igihe cyose iyubahirizwa ry'aya Mategeko risubitswe, abakozi ba Gereza ya IRMCT bagomba gufata abafungwa mu buryo bwa kimuntu kandi bwubahiriza agaciro ka muntu. Nta na rimwe abakozi ba Gereza bemerewe gukorera umufungwa ibikorwa by'urugaraguro cyangwa ibindi bikorwa bya kinyamaswa, birenze kameremuntu cyangwa bitesha umuntu agaciro cyangwa kumuhanisha ibihano nk'ibyo.

Kuvugana no kwandikirana n'abantu bo hanze ya Gereza

Ingingo ya 70

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abantu bo mu muryango we, incuti ze n'abandi, haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 71 y'aya Mategeko.
2. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abakozi b'ambasade cyangwa abahagarariye inyungu z'igihugu/ibihugu afitiye ubwenegihugu, haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 72 y'aya Mategeko.
3. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'avoka we, haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 73 y'aya Mategeko.
4. Nyuma yo kubijyaho inama na Perezida na Komanda, Gerefiye yemeza Amabwiriza agenga uko abafungwa basurwa n'uko bavugana cyangwa bandikirana n'abandi bantu.

Ingingo ya 71

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana, ku buryo buhoraho, n'abagize umuryango we, incuti ze n'abandi bantu, babinyujije mu mabaruruwa, kuri terefone cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho.

2. Kugira ngo umufungwa asurwe, nk'uko biteganywa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo y'aya Mategeko, abanza kubisabira uruhushya. Nyuma yo kubijyaho inama na Gerefiye, Komanda ashobora kwima umufungwa uruhushya rwo gusurwa cyangwa akagena ibyo iryo surwa ritagomba kurengaho cyangwa ibigomba kubahirizwa, harimo no kugenzura iryo surwa cyangwa ibyo uwo mufungwa avugana n'uwamusuye, iyo abona ibyo bintu ari ngombwa kugira ngo imirimo y'ubutabera igende neza, muri Gereza habe umutekano n'umudendezo cyangwa ubuzima n'umutekano bya buri wese bibungabungwe.

Ingingo ya 72

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abakozi b'ambasade cyangwa abahagarariye inyungu z'igihugu/ibihugu afitiye ubwenegihugu mu Gihugu gicumbikiye IRMCT.
2. Umufungwa ufite ubwenegihugu bw'igihugu kidafite ambasade cyangwa ibiro bihagarariye inyungu zacyo mu Gihugu gicumbikiye IRMCT, yemerewe gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abantu bakurikira:
 - (a) abakozi b'ambasade y'igihugu afitiye ubwenegihugu batumwe mu kindi gihugu kandi bahagarariye inyungu z'igihugu afitiye ubwenegihugu mu Gihugu gicumbikiye IRMCT; na
 - (b) abakozi b'ambasade y'ikindi gihugu mu Gihugu gicumbikiye IRMCT kandi bahawe ububasha bwo guhagararira inyungu z'abenegihugu b'icyo uwo mufungwa afitiye ubwenegihugu mu Gihugu gicumbikiye IRMCT.
3. Umufungwa usaba ubuhungiro, uw'impunzi cyangwa utagira igihugu, yemerewe gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abantu bakurikira:
 - (a) abakozi b'ambasade y'igihugu afitemo uburenganzira mu by'amategeko batumwe mu Gihugu gicumbikiye IRMCT; na
 - (b) umuryango ukorera mu rwego rw'igihugu, umuryango mpuzamahanga cyangwa urwego rwashyiriweho guhagararira inyungu z'abantu nk'abo.
4. Isurwa ryose nk'iryo cyangwa ibiganiro nk'ibyo umufungwa agirana n'abo bantu, bibera mu maso y'abakozi ba Gereza, bari aho ariko batumva ibirimo kuvugwa, haba mu buryo

buziguye cyangwa butaziguye. Kubera impamvu zidasanzwe, Gerefiye ashobora gutegeka ko iryo surwa n'ibyo biganiro bigenzurwa, iyo hari impamvu ishyize mu gaciro ituma atekereza ko uwo mufungwa ashobora kuba arimo gukoresha ubwo burenganzira afite kugira ngo:

- (a) abangamire imirimo y'ubutabera, harimo no kutubahiriza itegeko rya IRMCT cyangwa iry'Urukiko, kwivanga mu buhamya bw'abatangabuhamya cyangwa kubashyiraho ibikangisho;
- (b) ahungabanye umutekano n'umudendezi muri Gereza;
- (c) abangamire ubuzima cyangwa umutekano by'undi muntu wese; cyangwa
- (d) agerageze gukora kimwe muri ibi bintu bimaze kuvugwa.

5. Mbere y'uko iryo surwa n'ibyo biganiro bitangira kugenzurwa, Gerefiye amenyesha umufungwa, abakozi b'ambasade n'abahagarariye inyungu z'igihugu impamvu zituma hakorwa iryo genzurwa, keretse gusa iyo asanga kubimenyesha umufungwa, abakozi b'ambasade n'abahagarariye inyungu z'igihugu bishobora kubangamira iperereza ku byerekeranye n'ibikorwa bivugwa mu gika cya 4 cy'iyi Ngingo. Iyo abakozi b'ambasade n'abahagarariye inyungu z'igihugu bireba batabimenyeshejwe, Perezida agomba kubimenyeshwa vuba bishoboka. Umufungwa ashobora, igihe cyose, gusaba Perezida gusuzuma icyemezo icyo ari cyo cyose Gerefiye yafashe ashingiye kuri iyi ngingo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 94(1)(b) y'aya Mategako.

Ingingo ya 73

- 1. Umufungwa afite uburenganzira bwo gusurwa no kuvugana n'avoka we, byaba ngombwa akifashisha umusemuze.
- 2. Uko gusurwa n'ibiganiro hagati yabo byose bibera mu ibanga. Iyo hari impamvu zidasanzwe, Gerefiye ashobora gutegeka ko iryo surwa n'ibyo biganiro bigenzurwa, iyo afite impamvu zishyize mu gaciro zituma atekereza ko uwo mufungwa ashobora kuba arimo gukoresha ubwo burenganzira afite kugira ngo:
 - (a) abangamire imirimo y'ubutabera, harimo no kunyuranya n'itegeko rya IRMCT cyangwa iry'Urukiko cyangwa kwivanga mu buhamya bw'abatangabuhamya cyangwa kubashyiraho iterabwoba;

- (b) ahungabanye umutekano n'umudendezo muri Gereza;
 - (c) abangamire ubuzima cyangwa umutekano by'undi muntu wese; cyangwa
 - (d) agerageze gukora kimwe muri ibi bikorwa bimaze kuvugwa.
3. Mbere y'uko iryo surwa n'ibyo biganiri bitangira kugenzurwa, Gerefiye amenyesha umufungwa n'avoka we impamvu zituma iryo genzurwa rikorwa, keretse gusa iyo asanga kubimenyesha umufungwa n'avoka we bishobora kubangamira iperereza ku byerekeranye n'ibyo bikorwa bivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo. Iyo umufungwa n'avoka we batabimenyeshejwe, Perezida abimenyeshwa vuba bishoboka. Umufungwa ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, gusaba Perezida gusuzuma icyemezo icyo ari cyo cyose Gerefiye yafashe ashingiye kuri iyi ngingo, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 94(1)(b) y'aya Mategeko.

Ingingo ya 74

1. Iyo umufungwa yifuza gusurwa cyangwa gukoresha uburyo bw'itumanaho bwo muri Gereza, agomba kubimenyesha Komanda kandi akabanza kubisabira uruhushya, iyo iryo surwa cyangwa uko gutumanaho bishobora gutuma, mu buryo ubwo ari bwo bwose, hari amakuru amenywa na rubanda.
2. Mu gufata icyemezo kuri ibyo bintu, Komanda abigishaho inama Gerefiye maze akareba niba hari impamvu zishyize mu gaciro zatuma yumva ko gushyira ayo makuru hanze bishobora:
 - (a) kubangamira imirimo y'ubutabera harimo kunyuranya n'itegeko rya IRMCT cyangwa iry'Urukiko, kwivanga mu buhamya bw'abatangabuhamya cyangwa kubashyiraho iterabwoba;
 - (b) guhungabanya umutekano n'umudendezo muri Gereza; cyangwa
 - (c) kubangamira umutekano w'undi muntu uwo ari wese.

Ingingo ya 75

Umufungwa agomba kubanza kumenyeshwa umwirondoro w'umuntu wese wifuza kumusura kandi ashobora kwanga gusurwa n'umuntu wese, uretse gusa uhagarariye Gerefiye.

Ingingo ya 76

1. Amabaruwa yose yakiriwe muri Gereza n'ayoherezwa hanze yayo agomba kubanza gusuzumwa no gukorerwa ubugenzuzi bujyanye n'umutekano Gereza ya IRMCT iteganya, aho bishoboka ibyo bintu bigakorwa hanakurikijwe ibiteganywa na Gereza icumbikiye iya IRMCT, harimo no gukoresha ibyuma bikoresha imirasire ya "X" n'ibindi bikoreshwa mu gutahura ibihishe.
2. Abigiyeho inama na Gerefiye, Komanda ashiraho amabwiriza akurikizwa mu igenzura ry'amabaruwa n'ibintu bifunze mu kintu.

Ingingo ya 77

1. Umuntu wese uje gusura umufungwa agomba kubahiriza ibisabwa muri Gereza byerekeranye na gahunda yo gusura abafungwa kandi, aho ari ngombwa, akanubahiriza ibisabwa na Gereza icumbikiye iya IRMCT muri urwo rwego. Muri ibyo bintu bisabwa hashobora kubamo nko gusaka mu myenda y'umushyitsi igihe yinjije muri Gereza ya IRMCT cyangwa icumbikiye iya IRMCT no kugenzura ibintu afite hakoreshejwe imirasire ya "X".
2. Umuntu wese, harimo n'avoka w'umufungwa, umukozi w'ambasade cyangwa uhagarariye inyungu z'igihugu mu gihugu gicumbikiye IRMCT, wanze kubahiriza ibisabwa mu rwego rw'umutekano, byaba ibisabwa na Gereza ya IRMCT cyangwa icumbikiye iya IRMCT, ntiyemererwa kwinjira. Igihe cyose umushyitsi abishakiye, ashobora kuvuga ko adashaka gusakwa. Icyo gihe ariko na we ntiyemererwa kwinjira.

Imibereho myiza ya roho

Ingingo ya 78

1. Imyemerere yo mu idini cyangwa iya roho irubahirizwa ku bafungwa bose.
2. Umufungwa wese afite uburenganzira bwo gukurikiza imihango y'idini rye cyangwa ijyanye n'imyemerere ye. Cyakora, hari ibintu ashobora kwangirwa gukora kugira ngo umutekano n'umudendezo muri Gereza, ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza, kimwe n'uburenganzira bw'abandi bafungwa, bibungabungwe.

Ingingo ya 79

1. Buri mufungwa, akigera muri Gereza ya IRMCT cyangwa nyuma yaho, yemerewe kuvuga idini rye, akanavuga niba yifuza kuvugana cyangwa kwandikirana no gusurwa n'umujyanama mu by'idini.
2. Umufungwa afite uburenganzira bwo kubonana n'umujyanama mu by'idini, haseguriwe ibiteganywa n'Ingingo ya 79(4) y'aya Matageko, igena uburyo hatangwa impushya zo gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abahagarariye idini, hagamijwe imibereho myiza ya roho.
3. Gerefiye ashobora gushyiraho umuntu uhagarariye idini cyangwa imyemerere ya roho ubifitiye ubushobozi. Buri gihe uwo muntu uhagarariye idini afite uburenganzira bwo kwigisha no gukora imirimo ye muri Gereza ya IRMCT no gusurwa abafungwa.
4. Komanda, abigiyeho inama na Gerefiye, ashobora kwangira umufungwa gusurwa no kuvugana cyangwa kwandikirana n'abandi bantu mu rwego rw'imibereho myiza ya roho. Ashobora kandi kugena ibyo iryo surwa cyangwa uko kuvugana cyangwa kwandikirana n'abandi bantu muri urwo rwego bitarengaho cyangwa ibigomba kubahirizwa kugira ngo umufungwa abyemererwe, harimo no kugenzura iryo surwa cyangwa uko kuvugana no kwandikirana, iyo asanga ibyo bintu ari ngombwa kugira ngo imirimo y'ubutabera igende neza kandi umutekano n'umudendezo wa Gereza, kimwe n'ubuzima n'umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza, bibungabungwe.

Akazi

Ingingo ya 80

Amaze kubijyaho inama n'Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT, Komanda akena, uko bishoboka, gahunda y'akazi abafungwa bashobora gukora mu byumba byabo cyangwa mu bice bya Gereza ya IRMCT abafungwa bose bemerewe kugeramo.

Ingingo ya 81

1. Abafungwa bahabwa amahirwe yo gukora ariko ntibabitegetswe.

2. Umufungwa wiyemeje gukora ahemberwa akazi yakoze, hakurikijwe umubare w'amafaranga, ungana kuri buri mufungwa, ugenwa na Komanda amaze kubijyaho inama na Gerefiye. Umufungwa ashobora gukoresha igice cy'ayo mafaranga mu kugura ibintu akeneye nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 89 y'aya Mategeko. Amafaranga asagutse abikwa kuri konti ye.

Imyidagaduro

Ingingo ya 82

Abafungwa bemerewe kwigurira ibitabo, ibinyamakuru, ibintu byo gusoma, ibikoresho byo kwandikisha n'ibindi byose bibafasha kubona icyo bakora ariko bitabangamiye imirimo y'ubutabera, umutekano n'umudendezo muri Gereza ya IRMCT n'icumbikiye iya IRMCT.

Ingingo ya 83

Abafungwa bafite uburenganzira bwo kumenya amakuru, basoma ibinyamakuru, ibinyamakuru bisohoka nyuma y'igihe runaka, bumva amaradiyo kandi bareba amatereviziyo.

Ingingo ya 84

Abafungwa bashobora gukoresha isomero, ibyumba bitangirwamo amahugurwa yerekeranye n'imyuga n'ibindi byumba bya Gereza ya IRMCT. Abafungwa bashobora kandi gukoresha ibyumba nk'ibyo bya Gereza icumbikiye iya IRMCT bihari, ubuyobozi bwa Gereza ya IRMCT bumaze kubyumvikanaho n'Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT.

Ibintu bwite by'abafungwa

Ingingo ya 85

1. Umufungwa ashobora kugumana imyenda n'ibikoresho bye bwite akoresha ku giti cye, keretse gusa iyo Komanda abona ko ibyo bintu bishobora guhungabanya umutekano cyangwa umudendezo muri Gereza ya IRMCT cyangwa Gereza icumbikiye iya IRMCT cyangwa ko byabangamira ubuzima cyangwa umutekano w'umuntu wese uri muri iyo gereza.

2. Ibintu byose bifashwe muri ubwo buryo bibikwa n'abakozi ba Gereza ya IRMCT hashingiwe ku Ngingo ya 22 y'aya Mategeko.

Ingingo ya 86

Abafungwa bemerewe kugumana inyandiko zifitanye isano n'urubanza rwabo. Mu gihe cyo gukora isaka mu cyumba cy'umufungwa, inyandiko z'ibanga zerekeranye n'urubanza rwe zishobora kugenzurwa umuntu yihitira gusa ariko abakozi ba Gereza ya IRCMT ntibagomba kuzisoma.

Ingingo ya 87

1. Ikintu cyose giturutse hanze ya Gereza, harimo n'ikizanywe n'umushyitsi wese uje gusura umufungwa, kigenzurwa n'abashinzwe umutekano muri Gereza ya IRMCT. Iyo bibaye ngombwa, icyo kintu kinagenzurwa n'abashinzwe umutekano muri Gereza icumbikiye iya IRMCT kandi abakozi ba Gereza ya IRMCT cyangwa ab'icumbikiye iya RIMCT bashobora kukinyuza muri Gereza icumbikiye iya IRMCT bakakijyana muri Gereza ya IRMCT.
2. Umuyobozi wa Gereza icumbikiye iya IRMCT ashobora kwanga kwakira ikintu gishobora guhungabanya umutekano n'umudendezo muri iyo gereza cyangwa icyahungabanya ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza.
3. Komanda ashobora kwanga kwakira ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano cyangwa umudendezo muri Gereza ya IRMCT cyangwa icyahungabanya ubuzima cyangwa umutekano by'umuntu wese uri muri iyo gereza.

Ingingo ya 88

1. Kugira ngo umufungwa yemererwe gutunga no gukoresha imiti bigomba kubanza kugenzurwa kandi bigakurikiranwa na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi.
2. Abafungwa bashobora gutunga amasegereti no kuyanywera igihe n'ahantu byemejwe na Komanda.
3. Abafungwa ntibemerewe gukora, gutunga cyangwa kunywa ibinyobwa bisembuye.

4. Nta mufungwa wemerewe gutungira amafaranga muri Gereza. Buri mufungwa agira konti abikaho amafaranga yo gukoresha mu bintu byose bisaba gukoresha amafaranga muri Gereza ya IRMCT no muri Gereza icumbikiye iya IRMCT, igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 89

Umufungwa yemerewe gukoresha amafaranga mu kugura ibintu bwite akenera muri butike ya Gereza icumbikiye iya IRMCT. Iyo nta butike iri muri iyo Gereza, yemererwa kubigura hanze yayo abihereye uruhushya na Komanda. Iyo umufungwa adafite amikoro ahagije yo kubyigurira, Gerefiye ashobora kumwemerera kugura ibintu akeneye bishyize mu gaciro kandi bikishyurwa na IRMCT.

Ingingo ya 90

1. Iyo umufungwa afunguwe cyangwa yimuriwe mu kindi kigo, asubizwa ibintu bye byose n'amafaranga ye Gereza ya IRMCT yari imubikiye.
2. Umufungwa ashira umukono ku nyandiko yerekana ibintu n'amafaranga asubijwe.
3. Iyo umufungwa apfuye, ibintu bye byose n'amafaranga ye Gereza ya IRMCT yari imubikiye bihabwa umuntu cyangwa abantu yavuze, nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 32(b) y'aya Mategeko.

Gutanga ubusabe no kumenyekanisha ibibazo

Ingingo ya 91

1. Igihe cyose, umufungwa ashobora kugeza kuri Komanda cyangwa umuhagarariye ubusabe ku kintu runaka yifuza.
2. Ubusabe bwose bugomba guhita busuzumwa kandi bugatangwaho igisubizo bidatinze.

Ingingo ya 92

1. Umufungwa ashobora kugeza kuri Komanda cyangwa umuhagarariye ikibazo kimubangamiye.

2. Buri kibazo kigomba guhita gisuzumwa kandi kigatangwaho igisubizo bidatinze.

Ingingo ya 93

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo kugeza ikibazo cye kuri Gerefiye, nta muntu ugize icyo akura mu byo avuga, yinubira:
 - (a) igisubizo Komanda yamuhaye ku kibazo yamugejejeho ashingiye ku Ngingo ya 92 y'aya Mategeko; cyangwa
 - (b) icyemezo cya Komanda.
2. Ikibazo cyose gishyikirijwe Gerefiye gitangirwa gihamya ko cyakiriwe, bitarenze amasaha 72. Buri kibazo gisuzumwa vuba kandi kigatangwaho igisubizo bidatinze.

Ingingo ya 94

1. Umufungwa afite uburenganzira bwo kugeza ikibazo cye kuri Perezida, nta muntu ugize icyo akura mu byo avuga, yinubira:
 - (a) igisubizo Gerefiye yatanze ku kibazo yamugejejeho ashingiye ku Ngingo ya 93 y'aya Mategeko; cyangwa
 - (b) icyemezo cya Gerefiye
2. Ikibazo cyose gishyikirijwe Perezida gitangirwa gihamya ko cyakiriwe, bitarenze amasaha 72. Buri kibazo gisuzumwa vuba kandi kigatangwaho igisubizo bidatinze.

Ingingo ya 95

Abafungwa bafite uburenganzira bwo kuvugana n'Urwego rw'ubugenzuzi rwigenga. Mu gihe cy'igenzura rya Gereza ya IRMCT, abafungwa bahabwa urubuga rwo kuganira n'abahagarariye urwo Rwego bari ahantu abakozi ba Gereza ya IRMCT batabareba kandi batumva ibyo barimo kuvuga.

Ingingo ya 96

Komanda ashyiraho ingamba zituma abafungwa babasha gutanga ibyifuzo bakanamenyekanisha, nta nkomyi, ibibazo bafite kandi, umufungwa yabisaba, akemererwa kubikora mu ibanga.

Umufungwa ntagomba gukorera ibikorwa byo kumwihimuraho, gushyirwaho iterabwoba cyangwa ngo hagire izindi ngaruka zimubaho azira ubusabe yatanze cyangwa ko yamenyekanishije ikibazo kimubangamiye.

Ingingo ya 97

Avoka w'umufungwa na we afite uburenganzira buteganywa n'Ingingo ya 91 n'ya 94 z'aya Mategeko. Iyo umufungwa n'avoka we badashoboye gukoresha ubwo bubasha, umuntu wo mu muryango w'umufungwa cyangwa undi muntu wese uzi ibyerekeranye n'urubanza rwe ashobora kubukoresha.

GUTWARA NO GUKURA ABAFUNGWA MU MODOKA

Ingingo ya 98

Mu gihe cyo kujyana cyangwa kuvana abafungwa muri Gereza ya IRMCT, bagomba kurindwa amaso ya rubanda uko bishoboka kose kandi hagomba gufatwa ingamba zikwiye kugira ngo barindwe gutukwa, gukomeretswa, amaso y'abanyamatsiko n'uburyo bwose bwatuma rubanda rubashungera.

Ingingo ya 99

Buri gihe abafungwa bagomba gutwarwa mu mamodoka arimo umwuka n'urumuri bihagije kandi bigakorwa mu buryo batabangamirwa ku mubiri cyangwa ngo bateshwe agaciro bitari ngombwa.

Ingingo ya 100

Iyo abafungwa bagomba kunyura muri Gereza icumbikiye iya IRMCT, bagomba guherekezwa n'abakozi ba Gereza ya IRMCT n'ab'icumbikiye iya IRMCT.

Ingingo ya 101

Iyo umufungwa yimuriwe mu kindi kigo, Gerefiye abimenyeshya, vuba bishoboka, umuryango w'uwo mufungwa cyangwa undi muntu wese yavuze ko ari we ugomba kujya amenyeshwa amakuru amureba.